



Our Health  
Our Future

Kigali, 28/04/2020

Ref: RSSB/05/20

## ITANGAZO RIGENEWE ABANYAMAKURU

Hashingiwe ku Itegeko N° 03/2015 ryo ku wa 02/03/2015 rigenga imitunganyirize y'ubwisungane mu kwivuzwa nk'uko ryavugururwe kugeza ubu;

Hashingiwe kandi ku itangazo rya Nyakubahwa Minisitiri w'Imari n'Igenamigambi ryo kuwa 22/04/2020 ryemerera abanyamuryango b'Ubwisungane mu kwivuzwa (*Mituweli*) guhita batangira kwivuzwa bakimara kwishyura Umusanzu wabo badategereje ukwezi,

Ubuyobozi bw'Ikigo cy'Ubwiteganyirize mu Rwanda (RSSB) buributsa abanyarwanda muri rusange n'abanyamuryango ba *Mituweli* by'umwihariko ibi bikurikira:

1. Abagize urugo bemerewe guhita bivuzwa bakimara kuzuzwa umusanzu usabwa badategereje ukwezi nk'uko byari bisanzwe;
2. Umwaka wa *Mituweli* utangira tariki ya mbere Nyakanga (01/07) ukarangira tariki ya mirongo itatu Kamena (30/06) z'umwaka ukurikira;
3. Abanyamuryango ba *Mituweli* bemerewe kwivuriza ku musanzu wabo kugeza tariki ya mirongo itatu Kamena (30/06), aho kuba 31 Nyakanga (31/07) nk'uko byari bisanzwe; bityo kugirango urugo rubashe kwivuzwa guhera tariki ya mbere Nyakanga (01/07) ni uko ruzaba rwishyuye umusanzu usabwa;
4. Kwishyura umusanzu w'umwaka wa 2020/2021 byaratangiye hakoreshwa uburyo bw'ikoranabuhanga busanzwe, haba kuri SACCO, ku rubuga "irembo" (hakoreshejwe telefone igendanwa cyangwa abahagarariye "irembo" ku mirengano hira no hino mu gihugu) ndetse n'abahagarariye "Mobicash".

Ubuyobozi bwa RSSB buboneyeho kandi gusaba abanyamuryango ba *Mituweli* ko bakwihutira kwishyura uyu mwaka tugiye gutangira kuko indwara itera idateguje.

Ukeneye ibindi bisobanuro wahamagara kuri nimeru ya RSSB itishyurwa **4044** cyangwa ukatwandikira kuri [info@rssb.rw](mailto:info@rssb.rw).

Ubuzima bwacu, ejo hacu heza. Twiteganyirize kandi twese hamwe dukomeza kwirinda Corona Virus.

Regis RUGEMANSHURO  
Umuyobozi Mukuru

